REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUTABERA

P.O. BOX 160 KIGALI

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA MU MUHANGO WO KWIBUKA ABAHOZE ARI ABAKOZI B'URUKIKO RW'IKIRENGA, ABA MINISITERI Y'UBUTABERA N'AB'UBUSHINJACYAHA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI**

*KIGALI, KU WA 18.05.2018*

Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
Ba nyakubahwa mwese muteraniye aha;

Mbere yo kugira icyo nabagezaho, ndagira ngo duhere ku gufata mu mugongo imiryango y'abari abakozi bazize Genocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda yakozwe mu mwaka wa 1994 yari indunduro y'ibindi bihe byabanje.

- ✓ Kwibuka ni inshingano dufite nk'abanyarwanda kuko ibibi iyo byibagiranye birongera bigakorwa.
- ✓ Kwibuka ni umwenda dufitiye abazize Genoside yakorewe abatutsi n'abataremeraga uwo murongo.
- ✓ Uko bavutse bakisanga bari si impamvu bari kuzira
- ✓ Kwibuka ni ngombwa kuri twe duteraniye aha kubera ubutabera dutanga.
- ✓ Kwibuka ni ngombwa nk'abanyarwanda kugira ngo tujye tumenya aho twavuye, aho tugeze n'aho tugana`

- ✓ Kwibuka bitugaragariza itandukaniro hagati ya politiki yimakaje amacakubiri n'iyimakaza ubumwe n'umusaruro w'izo politiki zombi.

Nk'Inzego zikorera mu butabera, buri mwaka tugira umunsi wo kwibuka abari abakozi b'izi nzego bazize Genocide yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, kwibukiranya inkomoko yayo, ingaruka zayo ku bantu ku giti cyabo no ku muryango nyarwanda, no kuzirikana uruhare rwacu mu kurwanya, gukumira no guhana Genocide n'ingengabitekerezo yayo nk'abafite umwihariko w'uko aritwe dushinzwe gutanga ubutabera n'umutekano.

Uyu munsi rero niwo twahisemo muri uyu mwaka, kwibuka no gutanga umusanzu wacu mu guharanira ko Genocide itazongera kubaho ukundi haba mu Rwanda ndetse n'ahandi mu mahanga ari nako twiyemeza ko inzira yo kubigeraho ari ukwibuka aya mateka ari nako dukomeza kwiyubaka.

***"Kwibuka Twiyubaka"*** nk'insanganyamatsiko y'uyu mwaka irimo ubutumwa bukomeye cyane buri wese akwiye kuzirikana.

*Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga,*

Nasabwe kuza hano kubatumira kugira ngo mutugezeho ubutumwa mwageneye imbaga iteraniye muri uyu muhango.

Nimunyemerere Nyakubahwa, mbatumire.

**Murakoze.**